REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

# UKWEZI KW'UGUSHYINGO 2018

10 Ukuboza 2018

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UGUSHYINGO 2018

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ugushyingo 2018. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 0,1% mu kwezi gushize kw'Ugushyingo 2018 ugereranyije n'Ugushyingo 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2018) ryari ku kigereranyo kingana na -0,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 0,1% mu kwezi kw'Ugushyingo ni ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 3,0% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 9,7%.

Iyo ugereranyije Ugushyingo 2018 n'Ugushyingo 2017, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 1,3%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2018) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2018) ibiciro byagabanutseho 0,5%. Iri gabanuka rikaba ryaratewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,9% n' ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 1,2%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kw'Ugushyingo 2018, ibiciro mu byaro byagabanutseho 1,8% ugereranyije n'Ugushyingo 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2018) ryari ku kigereranyo kingana na -5,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 1,8% mu kwezi kw'Ugushyingo ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 9,8%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2018) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2018) ibiciro byagabanutseho 0,6%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,2%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kw'Ugushyingo 2018 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 1,0% ugereranyije n'Ugushyingo 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2018) ryari ku kigereranyo kingana na -3,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 1,0% mu kwezi kw'Ugushyingo 2018 ni igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 9,2%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2018) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2018) ibiciro byagabanutseho 0,5%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,4%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ugushyingo 2017 kugeza m'Ugushyingo 2018.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ugushyingo 2017 kugeza m'Ugushyingo 2018**

*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2017 | | 2018 | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 2,2 | 0,7 | 1,3 | 0,7 | 0,9 | 1,7 | 3,0 | 2,9 | 2,0 | 2,1 | 1,2 | -0,6 | 0,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 1,0 | -1,0 | -0,9 | -2,7 | -2,9 | -1,3 | 0,9 | 0,4 | -0,3 | -0,6 | -2,7 | -5,4 | -1,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 1,6 | -0,2 | 0,1 | -1,3 | -1,4 | -0,1 | 1,8 | 1,4 | 0,6 | 0,6 | -1,1 | -3,4 | -1,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | -1,2 | -1,2 | 0,2 | 0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,1 | -0,9 | -1,0 | 0,4 | 0,2 | -0,6 | -0,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -4,3 | -2,5 | -0,2 | 0,5 | 1,3 | 2,4 | 0,8 | -1,7 | -0,6 | 0,6 | -0.3 | -1,4 | -0,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | -3,0 | -1,9 | 0,0 | 0,5 | 1,1 | 1,9 | 0,9 | -1,4 | -0,8 | 0,5 | -0,1 | -1,0 | -0,5 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

**Abashinzwe imenyekanisha ry'imibare:**

MURANGWA Yusuf, Umuyobozi mukuru; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MURENZI Ivan, Umuyobozi mukuru wungirije; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

MWIZERWA J.Claude, Umuyobozi w'agateganyo w'agashami k'imibare y'ubukungu; claude.mwizerwa@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Umukozi uhagarariye imibare y'ibiciro; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw